REPUBULIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RW'UBUCURUZI

Email:info.tcnyarugenge@judiciary.gov.rw

ITEGEKO RYA PEREZIDA RITEGEKA UMUBURANYI UDAFITE AHO ATUYE CYANGWA ABA MU RWANDA HAZWI CYANGWA UDAFITE AHO ABA HAZWI MU MAHANGA MU RUBANZA RCOM 02027/2025/TC.

Umwaka wa **2026**, umunsi wa **26** w'ukwezi kwa Mutarama

Twebwe, **MUKAYIZA Patricie** Perezida w'Urukiko rw'ubucuruzi dufashijwe na **RUKUNDO Jean de Dieu** Umwanditsi w'urwo rukiko.

Tumaze kubona ikirego n° **RCOM 02027/2025/TC** cyatanzwe na NKUNDIZANYE Cyrille mwene ZIRARUSHYA Celestin na NYIRAKAMEGERI Agnes, wavutse kuwa 01/01/1980, Tel:+250788760747 , ID: 119780062845165, nkundizanyecyrille2020@gmail.com, utuye m'Umudugudu wa Bukuka, Akagari ka Mahoko, m'Umurenge wa Kanama, Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba arega na UMUTESI Marie Grace mwene BARAKENGERA Aimable Protais na NIYOMERO Belancila wari utuye m'umudugudu wa Bikuka, Akagari ka Mahoko, Umurenge wa Kanama, Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba, na NSENGIYUMVA Israel mwene BIZIMANA Francois na NTABANGANYIMANA Philomene wari utuye m'umudugudu wa Rugerero, Akagari ka Gikombe, Umurenge wa Nyakiriba, Akarere ka Rubavu, Intara y'Iburengerazuba ubu bakaba badafite aho babarizwa hazwi haba mu Rwanda cyangwa mu Mahanga;

Ko urubanza rwabo ruzaburanishwa kuwa 13/04/2026 saa tanu (11H:00);

Dushingiye ku ngingo 45 ,46, 49 na 50 z'Itegeko no 22/2018 ryo kuwa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi.

Dutegetse ko ihamagara rya **UMUTESI Marie Grace na NSENGIYUMVA Israel** rimanikwa ku rukiko rw'ubucuruzi no munkiko zose zisumbuye ahamanikwa amatangazo mu gihe cy'amezi abiri (2Mois).

Kopi y'ikirego azayisanga mu Bwanditsi bw'uru Rukiko.

Iri tegeko rizatangazwa mu kinyamakuru cyitwa **IGIHE**.

Bikorewe mu biro byacu, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

MUKAYIZA Patricie: RUKUNDO Jean de Dieu:

Perezida Umwanditsi